

IKINYARWANDA

Itariki : 16/06/2026

Isaha : saa munani-saa kumi
(14h00-16h00)



IKIZAMINI GISOZA IGIHEMBWE CYA GATATU 2025-2026 URUPAPURO RW'IBIBAZO

IKICIRO:

AMASHURI ABANZA

UMWAKA WA:

GATANU

IGIHE KIMARA:

amasaha 2

AMANOTA:

..... / 50

CA-MIS

..... / 50

AMABWIRIZA

1. Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
2. Ikizamini kigizwe n'ibibazo cumi na bitanu (15). Mbere yo gutangira banza ugenzure niba ibyo bibazo byuzuye n'amapaji yose yuzuye.
3. Ikizamini kigizwe n'ibice bine:
 - Igice cya mbere: Kumva no gusesengura umwandiko (amanota 15)
 - Igice cya kabiri: Ikibonezamvugo (amanota 10)
 - Igice cya gatatu: Ubumenyi rusange bw'ururimi (amanota 15)
 - Igice cya kane: Ihangamwandiko (amanota 10)
4. Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
5. Gusiribanga no guhindagura ibisubizo bifatwa nko gukopera.
6. Subiriza mu mwanya wagenwe.
7. Koresha ikaramu y'ubururu gusa.

ISAZI N'IKIMONYO

Isazi n'ikimonyo byari inshuti magara, bisangira akabisi n'agahiye. Byafatanyaga imirimo yose kandi bigahuriza hamwe imitungo yabyo. Byari byarasezeranye kuzakomeza umubano haba mu byiza ndetse no mu byago.

Umunsi umwe, byambutse ikiraro bijya guhinga mu murima wari hakurya y'uruzi. Bigeze mu murima bihinga bwangu, birangije bijya kureba niba amateke byahinze yeze. Mu gihe bitangiye kwitegura gutaha, hagwa imvura nyinshi. Bica amakoma biritwikira, imvura ihise, birataha.

Ikimonyo n'isazi bigeze ku ruzi bisanga rwuzuye, amazi yatwaye ikiraro. Ikimonyo gisaba isazi kucyambutsa, iranga. Isazi yirengagiza amasezerano byagiranye maze itangira kwishongora igira iti: “Cyose mugenzi wange urambuka ute? Umva ko wigenje, nange ndore! Ngewe nifitiye amababa yange, reka nigurukire ngaho urabeho!”

Ikimonyo kibuze uko kibigenza, agahinda karakica, gishaka kwiroha mu ruzi, birakinanira. Gikomeza kwibaza ukuntu inshuti yacyo magara kizeraga yatinyutse kugihemukira. Kera kabaye, haza uruyuki rusanga ikimonyo cyahangayitse. Uruyuki rurakibaza ruti: “Byakugendekeye bite ko nkubonye nkakuka umutima?” Kubera agahinda kenshi, ikimonyo kiraturika kirarira. Kibwira uruyuki ukuntu isazi yagitereranye mu byago.

Uruyuki rumaze kubyumva, rurakihanganisha ruti: “Yooo! Mbese ni uko byakugendekeye! Ihangane, uzabona izindi nshuti nziza zizagukunda mu bihe byose. Reka ndebe uko ngufasha nkwambutse, utahere. Data yakundaga kumbwira ko inshuti uyikura ku nzira.” Uruyuki rurunama, rurambura amababa, ikimonyo kijya mu mugongo, uruyuki rurakigurukana. Byambuka uruzi, bigera hakurya amahoro. Ikimonyo gishimira cyane uruyuki, kirarubwira kiti: “Nzakwitura ineza ungiriye kandi sinzigera nyibagirwa na rimwe.”

Ikimonyo gisaba uruyuki kugiherekeza, bikagerana imuhira bigasangira. Cyari cyasizemo umutobe. Bigeze mu rugo, bisanga isazi yatumiye abaturanyi barimo kunywa nk'aho ntacyabaye. Isazi yari yababwiye ko ikimonyo cyagiye mu rugendo rwa kure kandi kitazaza vuba. Isazi ikubise amaso ikimonyo, ibura aho irigitira, ikimwaro kirayica. Itangira kuvuga ururimi rutava mu kanwa.

Abaturanyi bagwa mu kantu, batangira kubazanya ibibaye. Ikimonyo kibwira abari aho ubuhemu bw'isazi. Gisaba abateraniye aho bose gushimira uruyuki kuko rwagikuye ahakomeye. Abari aho bose bakoma amashyi bashimira uruyuki ubutwari rwagize.

Bahindukirira isazi, bayibaza icyayiteye guhemuka. Nta mpamvu n'imwe Isazi yari ifite yatanga, yemera icyaha, irapfukama, isaba imbabazi ikimonyo n'abari aho bose. Ibasezeranya ko itazongera guhemuka ukundi. Ikimonyo kiriyumvira, kigeze aho kiravuga kiti: "Muvandimwe, ndakubabariye." Abari aho bagaya isazi, bayibwira ko ibyo yakoze bidakwiye, barayibabarira.

IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 15)

1) Zengurutse akaziga ku gisubizo cy'ukuri: **(amanota 4)**

(A) Ni iki cyagiriye nabi ikimonyo?

- (a) Ni ikimonyo
- (b) Ni uruyuki
- (c) Ni isazi

(B) Isazi n'ikimonyo byari bifatanye ubuhe bwumvikane?

- (a) Byari inshuti magara, bisangira byose kandi bifatanye imirimo yose.
- (b) Byari inshuti magara bikajya bihana imibyizi mu buhinzi bwabyo.
- (c) Byari inshuti magara byariyemeje gutabarana kimwe gitewe n'abanzi.

(C) Kuki abari aho bashimiye cyane uruyuki?

- (a) Kubera ko rutarakaye rumaze kumva ibyo isazi yakoze.
- (b) Kubera ko rwagize umutima mwiza rugakiza ikimonyo.
- (c) Kubera ko rutarwanyije isazi rwumvise amakosa yayo.

(D) Ni iki cyabaye cyatumye isazi n'ikimonyo bitandukana?

- (a) Isazi yanze gufasha ikimonyo kwambuka uruzi nyuma y'imvura.
- (b) Ikimonyo cyasanze isazi yatanze umutobe byari kuzanywa nyuma.
- (c) Isazi yabeshye abaturanyi ko ikimonyo cyagiye mu rugendo rwa kure.

2) Emeza cyangwa uhakane ukoresheje « **Oya** » cyangwa « **Yego** » **(amanota 3)**

- (a) Uruyuki n'ikimonyo byari inshuti magara.
- (b) Isazi n'ikimonyo byahinze amateke.
- (c) Uruyuki rwabwiye abaturanyi ko ikimonyo cyagiye mu rugendo rwa kure.

3) Uzurisha amagambo ukuye mu mwandiko. **(amanota 3)**

- (a) Barabivuze koko ngo k'inkoko kamenywa n'inkike yatoyemo.
 - (b) Icyugu cyamanutse mu giti kigwa hasi
 - (c) Gatarayiha yagiye kwivuka mu bitaro.
- 4) Ni ayahe masomo dushobora kuvana mu mibanire y'isazi n'ikimonyo? **(amanota 2)**
- 5) Andika amagambo ahuje ibisobanuro n'aya dusanga mu mwandiko: **(amanota 3)**
- (a) Inshuti y'akadasohoka, yizerwa kandi ihorana ubushuti buhamye:
 - (b) Kwivuka ibigwi birenze, kwishyira hejuru:
 - (c) Kugira agahinda gakabije cyangwa guterwa ubwoba n'ikintu cyabaye:

IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 10)

- 6) Shyira inshinga zikurikira mu zindi ndango. **(amanota 3)**
- (a) Ganza **yagize** amanota make.
 - (b) Ganza **ntiyakoze** umukoro.
 - (c) Ejo **uzazane** n'umubyeyi wawe ku ishuri.
- 7) Hindura interuro zikurikira mu ngiro nkora cyangwa ntega. **(amanota 3)**
- (a) Ababyeyi n'abana bagomba kunywa amazi meza.
 - (b) Duhabwa akuka keza n'ibiti.
 - (c) Ababyeyi bakwiye gutoza abana kwita ku bidukikije bakiri bato.
- 8) Subiza ukoresheje **“Ni byo”** cyangwa **“ Si byo”** ugendeye ku **bwoko bw'amagambo** atsindagiye: **(amanota 2)**
- (a) **Ikiza** ni uko wakwiyambaza ababyeyi bawe kuko badashobora kukubeshya.
 - (b) Ngaho **mwembi** nimuve mu mazi.
- 9) Zengurutse akaziga ku gisubizo cy'ukuri ugendeye ku turemajambo tw'amagambo atsindagiye. **(amanota 2)**

(A) abana:

- (a) abana: a-b-ana
- (b) abana: a-ba-na
- (c) abana: a-ba-ana

(B) inzuki:

- (a) inzuki: i-n-yuki
- (b) inzuki: i-n-zuki
- (c) inzuki: i-n-uki

IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 15)

10) Subiza ukoresheje “**ni byo**” cyangwa “**si byo**”: **(amanota 3)**

- (a) Kalisa yabaye imbata y’ibiyobyabwenge (imbata ni itungo).
- (b) Akunda kurya umwijima. (umwijima ni inyama).
- (c) Karinijabo yejeje imyaka myinshi. (imyaka ni igihe umuntu amaze).

11) Huza ijambo riranga igihe cy’umwaka n’igisobanuro cyaryo. **(amanota 3)**

- | | |
|--------------|---|
| (a) Urugaryi | (i) Igihe kirekire k’imvura,
gitangira muri Werurwe
kikageza muri Gicurasi |
| (b) Itumba | (ii) Igihe cyo gutera no gusarura
imyaka, kuva muri Nzeri
kugeza mu Kuboza |
| (c) Umuhindo | (iii) Igihe gito k’izuba, gitangira
muri Mutarama kikageza
muri Gashyantare |

12) Hitamo igisubizo cy’ukuri: **(amanota 3)**

(A) Mu bunyoni ni nka:

- (a) saa munani z’ijoro
- (b) saa kumi n’imwe za mu gitondo
- (c) saa moya za mu gitondo

(B) Mu rukerera ni nka:

- (a) saa kumi n’ebyiri za mu gitondo
- (b) saa kumi n’ebyiri za nimugoroba
- (c) saa kumi n’imwe za mu gitondo

(C) Inyana zisubiye iswa ni nka:

- (a) saa sita z’amanywa
- (b) Saa munani z’amanywa
- (c) saa kenda z’amanywa

13) Huza imvugo iboneye n’igisobanuro cyayo: **(amanota 3)**

- | | |
|-----------------|-------------------------------|
| (a) inkuyo | (i) gusaza kw’igisabo |
| (b) gukura | (ii) gukamisha amaboko yombi |
| (c) kuvuruganya | (iii) ibyatsi bahanaguza inka |

14) Hitamo **interuro mbonezamvugo eshatu (3)** mu nteruro zikurikira:

(amanota 3)

- (a) Ndamubwira ati: “Ejo uzazinduke tujyane gusenga.”
- (b) Ndabigira nte ko mbona binyobeye?
- (c) Tugeze aho turavuga duti: “Nimuze tugende dore buriye.”
- (d) Arababaza ati: “Tubigenze dute se bahungu ko byagoranye?”
- (e) Ntabwo bikwiye ko dukomeza guta igihe hano tutazi igihe azira.
- (f) Aramusubiza ati: “None turabigenza ute ko banze kutwakira?”
- (g) Ndagira ngo mbasabe tugomeze kugira ikizere hari igihe bizashira.
- (h) Baravuga ati: “Muze tugende.”

IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO (amanota 10)

15) Ushingiye ku turango tw’inkuru ngufi, himba inkuru ngufi itari munsu y’imirongo cumi n’itanu(15) ivuga ku munsu w’isoko n’ibyabereye muri iryo soko.

(amanota 10)

.....**IHEREZO**.....